Rubibano B.

PROJET D'ARRETE PRESIDENTIEL N°...... DU 1971 PORTANT CREATION DE L'ACADEMIE RWANDAISE DE CULTURE.

Nous, Grégoire KAYIBANDA,

Président de la République,

Vu le décret du 26 novembre 1959 relatif à la personnalité civile des institutions;

Vu, spécialement en son article 108, la Constitution de la République Rwandaise;

Vu l'avis du Conseil du Gouvernement en date du........

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

TITRE PREMIER: DENOMINATION, SIEGE ET BUTS.

Article I:

Il est créé une Institution dotée de la personnalité civile dénommée "Académie Rwandaise de Culture", en abrégé A.R.C., ci-après désignée par les mots "l'Académie"

Article 2 :

Le siège social de l'Académie est à Kigali.

Article 3:

L'Académie a pour but la promotion de la culture et l'intégration de celle-ci dans le processus du développement national.

TITRE II : DES MEMBRES DE L'ACADEMIE:

Article 4:

L'Académie comprend trois catégories de membres : les membres effectifs, les membres associés et les membres d'honneur.

Article 5:

Les membres effectifs, obligatoirement de nationalité rwandaise et au nombre maximum de 50, sont choisis parmi les personnalités connues pour leurs valeurs culturelles dont les critères d'appréciation seront déterminés par le Règlement d'ordre intérieur.

UMUSHINGA W'ITEGEKO LYA PREZIDA N°... ...LYO KU WA............1971 LISHINGA AKADEMI NYARWANDA Y'UMUCO-KARANDE.

Twebwe, Gregori KAYIBANDA,

Prezida wa Repubulika y'u Rwanda,

Dukulikije Itegeko lyo ku wa 26 novembri 1959 lyerekeye ubwihagaralire bw'inzego mu Gihugu;

Dukulikije Itegeko Nshinga lya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yalyo ya 108;

Dukulikije icyifuzo cy'Inama ya Leta yo ku wa 19.FEV.19

TWACIYE ITEKA KANDI DUCIYE ITEKA:

INTERURO I : IZINA, INTEKO [illegible].

Ingingo ya I:

Hashinzwe urwego rufite ubwihagaralire rwitwa "Akademi Nyarwanda y'Umuco-karande", ali lyo A.R.C. mu magambo ahinnye.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy'Inteko y'Akademi kili i Kigali.

Ingingo ya 3:

Intego y'Akademi ni (guteza imbere (ugukuza umuco-karande no kuwuboneza mu majyambere arebereye Igihugu.

INTERURO II Abagize Akademi.

Ingingo ya 4:

Abagize Akademi Nyarwanda y'umuco karande bali ugutatu: abakademisiye nyilizina, abakademisiye b'ubwungane n'abakademisiye b'icyubahiro.

Ingingo ya 5:

Abakademisiye nyilizina, batarenga 50, ni abanyarwanda kavukire batorwa mu bantu barangwa n'ubujijukira muco buzasobanurwa ikinero n'ubu [illegible] agenga imikorere y'Akademi.

REP... NDAISE
NIE

ABATOWE MULI COMITE DIRECTEUR · N'AMAJWI YABO KUWA 23.2.1971-

| AMAZINA | AMAJWI |
|---|---|
| 1. KAGAME | 68 |
| 2. RUHASHYANKIKO | 60 |
| 3. RUGAMBA Cyp. | 59 |
| 4. NYABYENDA Ber. | 57 |
| 5. NGIRUMPATSE M. | 41 |
| 6 KANYABUGOYI Fidèle | 28 |
| 7 BAZARUSANGA Thomas | 26 |
| 8 GASHEGU Dismas | 24 |
| 9 NDAGIJIMANA B | 14 |
| 10 RWAGEMA App. | 13. |

ORGANES
AMASHAMI

COMITE DIRECTEUR DE LA CULTURE RWANDAISE

~~Akaba~~ ~~K.~~ Ingenzi [Imbonera] ziyobora Umuco-karande w'Urwanda.

INGINGO 1.

Hashinzwe inteko yegulilwe ubwigenge, yitwa Akademi nyarwanda y'umuco-karande, mu magambo ahinnye ni "A.N.U."

INGINGO 2

Icyo Akademi iharanira ni ~~ugutez~~ ~~uku~~ uguteza imbere umuco-karande no kuwushyira mu mubare ~~[illegible]~~ w'ibibyejura [gura] igihugu ~~imbere~~.

INGINGO 3

~~ABAKIZE~~ Abagize Akademi ~~igizwe~~ bali mo ibyiciro bitatu: Abakademisiye { babishinzwe, b'imbonera, abakademisiye batiza umurindi, n'abakademisiye babukesha umuwaro.

INGINGO 4.

Abanyakademisiye babishinzwe batarenga 50, bagomba batoranywa ~~barebwamo~~ ~~[illegible]~~ mu bantu kuba ~~ali~~ abanyarwanda, bazwiho ubumenyi ~~buga~~ ~~[illegible]~~ ~~bahagije~~ ~~buhije~~ bunyuze amabwiliza ~~azagaragazwa~~ azatangwa n'Ingenzi ~~zishinzwe~~ ziyobora umuco-karande.

Igihe cy' imilimo yabo ~~[illegible]~~ [kigeze] imyaka 10, Icyo batora bundi bushya. Icyo bavutsemo icyicaho, batorwa mu ibanga mu buratenye ~~bworohije~~ bworohije bw'amajwi. ~~[illegible]~~ na Prezida wa Repubulika Begulirwa imilimo

La durée de leur mandat est fixée à 10 années renouvelables.
Ils sont élus, en cas de vacances de siège, au scrutin secret à la majorité simple. Ils sont nommés par le Président de la République.

Article 6:

Les membres associés rwandais ou étrangers connus pour leurs valeurs culturelles sont désignés sans limitation de nombre.

Article 7:

Les membres honoraires sont choisis parmi les personnalités rwandaises ou étrangères les plus éminentes connues pour les services rendus à l'Académie.

Article 8:

Les membres honoraires et les membres associés dont la candidature est présentée par le Comité Directeur à l'Assemblée Générale des membres effectifs, sont élus par celle-ci au scrutin secret à la majorité des 2/3.

TITRE III : DES ORGANES DE L'ACADEMIE:

Article 9:

L'Académie est placée sous la tutelle du ministre ayant la culture dans ses attributions.

Article 10:

Les organes de l'Académie sont le Comité Directeur et l'Assemblée Générale.

Article 11:

La direction effective de l'Académie est assurée par un Comité Directeur de sept membres.

Article 12:

Le Comité directeur comprend des membres de droit et des membres élus.

Article 13:

Les membres de droit du Comité Directeur sont: le Ministre ayant la culture dans ses attributions et un représentant du Parti National.

Les membres de droit du Comité Directeur, s'ils ne sont pas membres effectifs de l'Académie au sens de l'article 5, le deviennent de par leurs fonctions. Ils deviennent membres honoraires après cessation de leurs fonctions.

Igihe cyabo cy'imyaka 10 iyo kirangiye gishobora kuvugururwa.
Batoreshwa amajwi y'ubwiganze busanzwe mu ibanga igihe habonetse umwanya. Bashyirwaho na Prezida wa Repubulika.

Ingingo ya 6:

Mu itorwa ly'abakademisiye b'ubwungane, barangwa n'ubujijukiramuco, baba abanyarwanda, baba abanyamahanga, nta mubare shinganwa bahagaraliraho.

Ingingo ya 7:

Abakademisiye b'icyubahiro batorwa mu banyarwanda no mu banyamahanga bagaragazwa n'umumaro bagiliye Akademi Nyarwanda.

Ingingo ya 8:

Komite nyobozi y'Akademi ni yo iha inteko rusange y'abakademisiye nyilizina kandidatiri y'abanyakademi b'icyubahiro n'ab'ubwungane, bagatorerwa mu ibanga n'amajwi y'ubwiganze bwa 2/3 by'abakademisiye nyilizina.

INTERURO III - INGELI? Z'AKADEMI:

Ingingo ya 9:

Akademi ihagalikiwe na Ministri ufite mubyo ashinzwe umuco karande.

Ingingo ya 10:

Ingeli z'Akademi ni Komite Nyobozi n'Inteko rusange.

Ingingo ya 11:

Ubuyobozi nyilizina bw'Akademi bushinzwe Komite Nyobozi y'abantu balindwi.

Ingingo ya 12:

Komite Nyobozi igizwe n'abakademisiye babifitiye uburenganzira n'abatorwa.

Ingingo ya 13:

Abagize Komite Nyobozi babifitiye uburenganzira ni Ministri ushinzwe umuco-karande n'intumwa ya Partiy y'Igihugu.

Abo babifitiye uburenganzira iyo batali abakademisiye nyilizina nk'uko bivugwa mu ngingo ya 5, baba bo ku bw'umulimo bashinzwe.

Iyo bacyuye igihe cyabo, baba abakademisiye b'icyubahiro.

Article 14:

Les membres élus du Comité Directeur sont, le Président, le Secrétaire général, le trésorier et deux autres membres. Ils sont nommés par le Président de la République sur proposition de l'Assemblée Générale.

Leur mandat est de 3 ans renouvelables.

Article 15:

Le Président du Comité Directeur est en même temps Président de l'Assemblée Générale.

Article 16:

Les membres dont question à l'article 14 sont élus par l'Assemblée générale de l'Académie, au scrutin secret et à la majorité absolue des membres effectifs de l'Assemblée.

Leur mandat est renouvelable.

Un membre, non réélu au Comité Directeur, demeure néanmoins membre effectif de l'Académie.

Article 17:

Le Comité Directeur se réunit, ordinairement tous les six mois, sur convocation du président, et, extraordinairement à chaque fois que les circonstances l'exigent.

Article 18:

Le Comité Directeur établit la liste des candidats à proposer à l'Académie, fixe les programmes à soumettre à la discussion de l'Assemblée Générale et exécute les décisions de celle-ci.

Article 19:

Les décisions du Comité Directeur sont toujours prises à la majorité simple. En cas de partage des voix, celle du président est prépondérante.

Article 20:

a) Le président est le représentant légal de l'Académie. Il convoque les réunions du Comité Directeur et l'Assemblée générale.

b) Le secrétaire général est le représentant légal suppléant de l'Académie. Il dirige le secrétariat et veille, au nom du Comité Directeur à l'exécution des décisions de l'Assemblée générale à laquelle il présente un rapport d'activités.

Ingingo ya 14:

Abakademisiye batorwa ni, Prezida, Sekreteri jenerali, umubitsi w'imali n'abandi babili. Bashyirwaho na Prezida wa Repubulika abisabwe n'Inteko-rusange.

Igihe cyabo kimara imyaka 3 ishobora kwongerwa.

Ingingo ya 15:

Prezida wa Komite Nyobozi ni na we uyobora Inteko rusange.

Ingingo ya 16:

Abakademisiye bavuzwe mu ngingo ya 14 batorwa n'Inteko rusange mu ibanga, bakemezwa n'amajwi y'ubwiganze buhanitse bw'abasangiranteko nyilizina. Udatorewe gusubira muli Komite nyobozi akomeza kuba mu Bakademisiye nyilizina.

Ingingo ya 17:

Ubusanzwe, Komite Nyobozi irema buli mezi 6 ihamagawe na Prezida, aliko kandi ashobora no kuyihamagalira igihe kidasanzwe bitewe n'impamvu z'ingobotsi.

Ingingo ya 18:

Komite Nyobozi ni yo itegulira Inteko rusange listi y'abakandida, ikayiteganiliza programmu kandi ikarangiza ibyemezo byayo

Ingingo ya 19:

Ibyemezo bya Komite Nyobozi bigaragazwa n'amajwi y'ubwiganze busanzwe. Iyo impande zombi ziguye miswi? hemezwa iby'urwo Prezida abogamiyemo.

Ingingo ya 20:

a) Akademi ihagaralirwa na Prezida wayo. Ni we uhamagara inama za Komite Nyobozi n'iz'Inteko rusange.

b) Sekreteri jenerali w'Akademi ni we umusimbura mu guhagaralira Akademi. Ayobora Sekretariya, kandi mu izina lya Komite Nyobozi akita kurangiza ibyemezo by'Inteko rusange akabitangira na raporo y'imigendekere.

c) Le trésorier tient les comptes sous la direction du secrétaire général.

d) Les autres membres du Comité Directeur assistent aux délibérations et ont voix délibérative. Ils peuvent remplir une fonction déterminée sur demande du Secrétaire général.

Article 21:

L'Assemblée générale de l'Académie se compose des membres effectifs, des membres d'honneur et des membres associés.

Article 22:

Tous les membres de l'Assemblée Générale ont voix délibérative; seuls les membres effectifs ont droit de vote, les décisions sont prises à la majorité simple des membres présents.

Article 23:

Les débats de l'Assemblée Générale sont dirigés par le Président de l'Académie. En cas d'absence de celui-ci, la présidence de l'Assemblée est confiée au secrétaire général.

Article 24:

L'Assemblée générale se réunit au moins 1 fois par an sur convocation du Président de l'Académie.

Elle ne peut délibérer valablement que si les 2/3 des membres effectifs sont présents. Dans le cas où ce quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée à quinzaine, et, au cours de cette seconde réunion, aucun quorum n'est exigé.

Article 25:

L'Assemblée générale approuve le budget de l'Académie, présenté par le secrétaire général.

Elle examine les projets et rapports qui lui sont soumis par le Comité Directeur, et se prononce par un vote sur leur validité.

TITRE IV : DES RESSOURCES DE L'ACADEMIE

Article 26:

L'Académie peut recevoir des subsides à charge du budget de l'Etat.

Elle peut accepter les libéralités par actes entre vifs ou testamentaires, sous réserve de l'autorisation préalable du Président de la République.

c) Umubitsi w'imali ayigenga akulikije amabwiliza ya Sekreteri jenerali.

d) Abasigaye bandi bo muli Komite Nyobozi baza mu nama; bakayigiramo uruhare rw'ijambo. Sekreteri jenerali ashobora kubagenera umulimo uyu n'uyu.

Ingingo ya 21:

Inteko rusange y'Akademi igizwe n'abakademisiye nyilizina n'ab'icyubahiro, n'ab'ubwungane.

Ingingo ya 22:

Abagize Inteko bose bagira ijambo mu mpaka z'inama. Gucisha mu majwi byinalirwa n'abakademisiye nyilizina. Ibyemezo bigaragazwa n'amajwi y'ubwiganze busanzwe bw'abahali.

Ingingo ya 23:

Impaka z'Inteko rusange ziyoborwa na Prezida w'Akademi. Iyo Prezida adahali, Sekreteri jénérali aramusimbura.

Ingingo ya 24:

Inteko rusange irema limwe mu mwaka nibura, ihamagawe na Prezida w'Akademi.

Inama ntirema iyo hatabonetse 2/3 by'abakademisiye nyilizina. Iyo uwo mubare shinganwa ubaye iyanga, inama isubizwa nyuma y iminsi 15, icyo gihe bwo ntibite kuli wa mubare shinganwa.

Ingingo ya 25:

Inteko rusange y'Akademi isuzuma ingengo y'imali y'akademi, iyeretswe na Sekreteri jenerali.

Isuzuma imishinga y'ibyigwa na raporo ishyikilijwe na Komite Nyobozi kandi ibyo ihamya ikabicisha mu majwi.

INTERURO IV: IMALI Y'AKADEMI

Ingingo ya 26:

Akademi ishobora guhabwa imfashanyo ziyuye ku ngengo y'imali ya Leta.

Ishobora kwakira intwerero n'indagano aliko bibanje kwemerwa na Prezida wa Repubulika.

Article 27:

L'Académie ne peut posséder, en propriété ou autrement, que les immeubles nécessaires à la réalisation de son objet.

Ingingo ya 27:

Akademi ntishobora gutunga ibintu bitali ibigenewe imilimo igamije.

TITRE V: DEMISSION ET EXCLUSION:

Article 28:

La démission d'un membre de l'Académie est signifiée au Président par lettre recommandée avec accusé de réception. Elle prend effet au jour de la réception par le Président, mentionné par le service postal.

Article 29:

Un membre de l'Académie peut être exclu en cas de violation grave des statuts ou du Règlement intérieur de l'Institution.

L'exclusion est décidée par l'Assemblée Générale qui statue au scrutin secret et à la majorité des deux tiers des membres effectifs, après discussion du rapport des faits exposé par le Secrétaire Général.

INTERURO V: KWEGURA NO GUKURWAMO:

Ingingo ya 28:

Ukwegura kw'umukademisiye kumenyeshwa Prezida mu rwandiko rushinganye n'icyemezo cy'uko yarushyikiliye. Uko kwegura kuba impamo umunsi Prezida yanditse ubwakirwe bwakwo ku cyemezo kinyuze mu iposita.

Ingingo ya 29:

Umukademisiye ashobora gukurwamo n'uko ahutaje bikomeve amategeko ~~cyangwa amabwiliza~~ agenga Akademi.

Inteko rusange imaze kujya impaka kuli raporo ivuga imyifatire y'umukademisiye, iyishyikilijwe na Sekreteri Jenerali, imukuraho mu ibanga, bikagaragazwa na 2/3 by'abakademisiye nyilizina.

TITRE VI: DISSOLUTION ET LIQUIDATION.

Article 30:

La dissolution de l'Académie est prononcée par le Président de la République sur proposition de l'Assemblée générale, spécialement convoquée à cet effet. Celle-ci statue alors à la majorité des 2/3 des membres effectifs.

Article 31:

L'initiative de la proposition de dissolution appartient à la majorité des membres effectifs qui l'exerce par voie de pétition adressée au Président de l'Académie.

Celui-ci saisit le Comité Directeur de la pétition qui ne peut être retenue et renvoyée devant l'Assemblée Générale que dans le cas où elle recueille l'approbation des 2/3 des membres dudit Comité.

INTERURO VI: GUSESA AKADEMI NO KUZIGURUKA IBYAYO.

Ingingo ya 30:

Akademi iseswa na Prezida wa Repubulika abisabwe na 2/3 by'abakademisiye nyilizina baremye Inteko rusange yabizindukiye.

Ingingo ya 31:

Kubimbura gusesa Akademi bishozwa n'umubare munini w'Abakademisiye ubisabye Prezida w'Akademi.

Prezida ashyikiliza Komite Nyobozi ubusabe bwo gusesa Akademi; bwemerwa na 2/3 by'abayigize akabona kubyegulira Inteko rusange.

Article 32:

Après décision de dissolution, l'Assemblée générale doit statuer sur la dévolution des biens de l'Academie. Toutefois, cette dévolution ne peut s'opérer qu'au profit d'une institution à caractère culturel de droit public.

Ingingo ya 32:

Iyo Inteko rusange imaze gusesa Akademi, igena ukwo ibyayo bizamera. Ntishobora aliko kubizigurukira ahabonetse hose; keretse urwego rugamije iyungurabwenge rusange

Article 33:

L'Assemblée Générale doit alors désigner un liquidateur qui recevra mandat d'opérer la dévolution des biens de l'Académie dans le délai d'un an.

Ingingo ya 33:

Iyo uwashinzwe iyegurabintu arangije, amenyesha Ministri ushinzwe umuco karande uko yabigenjeje.

TITRE VII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES.

INTERURO YA VII: INGINGO Z'AGATEGANYO.

Article 35:

Le premier Comité Directeur est nommé par le Président de la République sur proposition du Congrès constitutif de l'Académie pour une durée de deux ans.

Le Ministre ayant la culture dans ses attributions en sera le premier Président.

Ingingo ya 35:

Komite Nyobozi ya mbere izamara imyaka ibili, izashyirwaho na Prezida wa Repubulika abisabwe na Congrès ishinga Akademi.

Ministri ushinzwe umuco karande ni we uzayibera Prèzida w'ibanze.

Article 36:

Les premiers membres effectifs de l'Académie sont nommés par le Président de la République sur proposition du Comité Directeur.

Ingingo ya 36:

Abakademisiye nyilizina ba mbere bazashyirwaho na Prezida wa Repubulika abisabwe na Komite Nyobozi ya mbere.

TITRE VIII: DISPOSITIONS FINALES.

INTERURO VIII: INGINGO ZISOZA.

Article 37 :

Notre Ministre de l'Education Nationale est chargé de l'exécution du présent Arrêté.

Ingingo ya 37:

Ministri wacu w'Uburezi bw'Igihugu ashinzwe kurangiza ibivugwa muli ili Teka.

Article 38:

Le Présent Arrêté sort ses effets le jour de sa signature.

Kigali, le.........1971
Grégoire KAYIBANDA.

Ingingo ya 38:

Ili Teka lizatangira gukulikizwa umunsi lishyiliweho umukono.

Kigali, uwa...........1971.
Gregori KAYIBANDA.

Le Ministre de l'Education Nationale,
Gaspard HARELIMANA.

Ministri w'Uburezi bw'Igihugu,
Gaspard HARELIMANA.-